Photocopies pour → Memorial
→ P.C
→ PAE
→ Fespad- Folklore.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE
B.P. 3445 KIGALI.

Kigali, ku wa 26/04/2000

N° 082/07.05/2000

CONFIDENTIEL

Madamu, Bwana...MUKIMBIRI...Jean
Ugize Komisiyo ishinzwe gushyiraho uburyo
bwo gutoranya Intwari z'Igihugu.

Impamvu : Komisiyo y'Intwari z'u Rwanda.

Madamu,
Bwana,

Nishimiye kubandikira mbamenyesha ko uri umwe mubagize Komisiyo ishinzwe gushyiraho uburyo bwo gutoranya Intwari z'Igihugu.

Kubera iyo mpamvu mboherereje inyandiko zose zijyanye n'ibyakozwe kugeza ubu kugira ngo muzisome kandi muzisesengure neza ; bityo tuzagere vuba ku bintu bitatu Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda idusaba, aribyo :

1. Ibizajya biranga Intwari z'Igihugu ;
2. Umunsi w'Intwari z'Igihugu ;
3. Intwari z'Igihugu.

Mboneyeho kandi kubamenyesha ko tuzahura mu nama y'iminsi 2 kuva ku wa 03 kugeza ku wa 04 Kamena 2000. Aho inama izabera muzahamenyeshwa mu minsi iri imbere.

Mbaye mbashimiye.

REPUBULIKA Y'U RWANDA ... MYIZA Y'ABATURAGE

**NYANDWI A. Désiré**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**
**n'Imibereho Myiza y'Abaturage**

**Bimenyeshejwe :**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

KIGALI.